UMWEPISKOPI YAGIRIYE URUZINDUKO RWA GISHUMBA MURI PARUWASI STELLA MARIS GISENYI

Guhera tariki ya 18 kugeza 21 Ukwakira 2018, Umwwepiskopi yagiriye uruzinduko rwa Gishumba muri Paruwasi Stella Maris Gisenyi. Muri uru ruzinduko Umwepiskopi yabanaga n'abasaseridoti bahafite ubutumwa; yagize kandi umwanya wo guhura n'amatsinda anyuranye akorera muri Paruwasi Stella Maris Gisenyi harimo abayobozi b'Ibigo by'amashuri gatolika ndetse n'abanyeshuri n'abandi. Yagize kandi n'umwanya wo gutanga Isakramentu ry'Ugukomezwa ku bakristu 537 ba Paruwasi ya Gisenyi; agira n'Umwanya wo guha Umugisha Alitari nshya muri Kiliziya yabo.

Umwepiskopi asiga amavuta ya Chrisma Alitari nshya.

Nyuma yo kugeza ku ba Kristu ba Paruwasi Stella Maris Gisenyi ubutumwa bwa Nyirubutungane Papa Fransisiko bw'umunsi mpuzamahanga

w’Iyogezabutumwa; yagize n’ubutumwa atanga kubari bitabiriye uwo munsi bose.

Mu butumwa yatanze Nyiricyubahiro Musenyeri yashimiye abakristu ba Paruwasi ya Stella Maris Gisenyi uko bashyize imbaraga hamwe bakiyubakira Kiliziya ya Paruwasi yabo bafatanyije n’abasaseridoti yabahaye; yabasabye gukomeza guteza imbere Paruwasi yabo badategereje akimuhana. Yakomeje agira icyo abwira abakomejwe. Yababwiye ko ingabire za Roho Mutagatifu bahawe bagomba kuzibyaza umusasruro bafatanya na Kiliziya kwamamaza Inkuru Nziza aho bari. Yakomeje abwira abakiri bato gukomeza kwitabira amatsinda y’abana bakigisha abandi bana; abakuru yabashishsikarije kujya mu miryango y’agisiyo gatolika iri muri Paruwasi cyangwa bakajya mu makorali ahari. Yagarutse kandi ku cyerecyezo cy’ubutumwa yatangaje tariki ya 15/08/2018 gifite insanganyamatsiko igira iti: Urukundo mu bikorwa cyane cyane iby’impuhwe…ashishikariza abakristu ba Paruwasi ya Gisenyi kurangwa n’impuhwe cyane bafasha abababaye kurusha abandi baturanye kandi bigahera mu miryangoremezo yabo bikagera n’ahandi.

Padiri Jean Marie KWIZERA